# ITANGAZO RIGENEWE AMASHURI AFITE ABAKANDIDA BAZAKORA IKIZAMINI CYA LETA GISOZA UMWAKA W'AMASHURI WA 2023/2024

MU RWEGO RWO GUTEGURA IGIKORWA CYO KWANDIKA ABANYESHURI BAZAKORA IKIZAMINI CYA LETA GISOZA UMWAKA W'AMASHURI WA 2023/2024, UBUYOBOZI BW'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBIZAMINI N'UBUGENZUZI BW'AMASHURI (NESA), BURASABA ABAYOBOZI BOSE B'IBIGO BY'AMASHURI ABANZA, AMASHURI YISUMBUYE YIGISHA INYIGISHO RUSANGE, AMASHURI ATANGA INYIGISHO MBONEZAMWUGA (PROFESSIONAL EDUCATION) NDETSE N'AMASHURI YISUMBUYE YA TEKINIKE (TSS) GUTEGURA IBYANGOMBWA BISABWA MU KWIYANDIKISHA MU GIHE IGIKORWA NYIRIZINA KITARATANGIRA. IBISABWA GUTEGURWA NI IBI BIKURIKIRA:

- **AMASHURI ABANZA (P6)**: GUSHYIRA IFOTO KU MWIRONDORO WA BURI MUKANDIDA BANYUZE MURI SDMS.
- **ICYICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI YISUMBUYE (S3)**: GUSHYIRA IFOTO KU MWIRONDORO WA BURI MUKANDIDA BANYUZE MURI SDMS, GUTEGURA INDANGAMANOTA Y'UMWAKA WA MBERE (S1) N'UMWAKA WA KABIRI (S2).
- **ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (S6, L5, Y3)**: GUSHYIRA IFOTO KU MWIRONDORO WA BURI MUKANDIDA BANYUZE MURI SDMS, GUTEGURA INDANGAMUNTU, KWANDIKA NO KWEMEZA INDANGAMUNTU MURI SDMS (ID RECORDING AND VERIFICATION), GUTEGURA INDANGAMANOTA Y'UMWAKA WA KANE (S4, L3, Y1) N'IY'UMWAKA WA GATANU (S5, L4, Y2) NDETSE NO GUTEGURA ICYANGOMBWA KIGARAGAZA KO UMUNYESHURI YARANGIJE ICYICIRO RUSANGE (S3).

INGENGABIHE YO KWIYANDIKISHA IZASHYIRWA AHAGARAGARA BIDATINZE.

**BIKOREWE I KIGALI, KUWA 12/02/2024**

**UBUYOZI BUKURU BWA NESA**